

**Ubutumwa Bikira Mariya yahaye Nyiramukiza Valentine bwo kugeza ku basenga bose n'abemera bose. Tariki ya 23/08/2021 saa cyenda na mirongo ine n'itanu (03h45) z'ijoro iwe - Rue Juliette Whytsman, 4 - 1050 Ixelles.**

**Bikira Mariya :** Nyiramukiza mwana wanjye nkunda

**Valentine :** Karame Mama.

**Bikira Mariya :** Banza untege amatwi yombi nkubwire ikinzanye mwana wanjye, urakomereza nyuma aho wari ugeze isengesho ryawe.

**Valentine :** Ndi hano mama nguteze amatwi yombi ngo nkumve maze nkore ugushaka kwawe.

**Bikira Mariya :** Ngiye kugutuma ku bemera Imana bose ibi bikurikira. Untege amatwi yombi ntunce mu ijambo. Uranyumva neza ?

**Valentine :** Yego Mama ndakumva neza.

**Bikira Mariya :** Bana banjye ndabakunda ; Bana banjye ndabakunda ; Bana banjye ndabakunda. Nimushikame musenge by'ukuri nyako mugifite imbaraga zo gusenga, mukibyemererwa ku mugaragararwo mutihishahisha kuko nabyo bizaza.

Musabire Kiliziya Gatolika n'ayandimasengero akorera m'ukuri kuko ibiza biregereje.

Isi yugarijwe n'umwijima ubuditse bana banjye nimuhumure amaso y'imitima zanyu mubone ibiri ukuri nyako kububaka kuri roho zanyu.

Nimusabire abihayimana cyane kuko bamwe bateshutse ku nshingano zabo, abandi babikora nk'umwuga, abandi babyihisha inyuma ngo bihindure isura bagushe Kiliziya n'abakristu.

Abo bose bakeneye gusabirwa ngo imigambi mibisha yabo itsindwe n'isengesho ryanyu mwese abasenga n'abemera, kuko ibyo mbabwira ni ukuri bana banjye.

Ikindi hari abandi biyita abakuru b'amatorera asenga nabo harimo ibirumira habiri bakeneye nabo gusabirwa ngo imigambi mibisha yabo itsindwe n'isengesho ryanyu mwese abasengana ukuri.

Itotezwa ry'abemera ryatangiyeye kera ntimwabimenya, ntimwabibona kuko biboneshwa amaso y'umutima.

Bana banjye twababuriye kenshi ko ibihe bikomeye biri imbere ntimwatwumva Njyewe n'Umwana wanjye Yezu Kristu.

Bamwe banze kwakira ubutumwa barabwirengagiza, abandi barabuhinyuye, abandi baburenzeho baca akarongo nk'iteka, abandi barabusuzuguye baburwanya bivuye inyuma na n'ubu.

Igihe kirageze ngo mukorere mu kuri kandi mugendere mu kuri muve mu kinyoma no kubeshya abandi babakurikira.

Nimufate intwari zanyu ntagatifu muhashyeye umwanzi wayogoye isi yose.

Cya gihe kirageze cyo gukoreshwa n'ibyogajuru bana banjye kandi mwaraburiwe kenshi mukabihinyura.

Mwatangiye kugira ubwoba ubu ng'ubu, kandi byaratangiye kera mu mayeri.

Twabatumyehe ntimwumvise ubutumwa bwacu, mwahisemo kwanga no gutoteza abo twabatumyehe.

Nyabuna nimwicuze, mubabarire, mubabarirane, musabane imbabazi mwubake urukiramende kuko ibihe birakomeye cyane bana banjye.

Ibi mubonesha amaso ni ubusa ibyihishe ni byo byinshi kandi bikomeye bibabaje. Ibi inyuma ni byo bikomeye bizarwanywa no gushyira hamwe mugasenga murwanya umwanzi shitani wigaruriye isi n'abayituye. Ababyeyi bazihakana abana babo, abana bihakane ababyeyi babo. Uwabyaye yifuze kuba ingumba maze isi ikwireho indwara zitigeze zibaho abantu bahindure amasura. Isi iturweho n'ibihindugembe bitagira umumaro nuko isi yorame.

Ibyo byose bizakizwa no gushyira hamwe mu masengesho no kugendera mu kuri. Ishapule ni Rozali ku bayivuga na Bibiliya, ni bibe intwari zanyu za buri muni na buri kanya.

Bana banjye nimukore ibishimisha Imana maze mukoze isoni abayirwanya n'abayobotse ibigirwamana n'abashaka kurimbura imbaga y'abantu bayo yiremeye hakoreshejwe wa musemburo nababwiye ubushize.

Cya gihe cy'itotezwa ryatangiyeye kera barwanya Kiliziya bazifunga bitwaje impamvu zitandukanye.

Abategetsi ba Kiliziya batanze abakristu babo bemera ibinyuranyije n'ukwemera kwabo kubera inyungu zabo bihariye nko kugurirwa.

Kiliziya yayobeje abakristu cyane, yiyambuye ububasha bwayo bwo gusenga bakirukana amashitani bagakiza n'izindi ndwara ku bemera bitewe n'ububasha bahawe basigwa amavuta y'ubutorwe.

Mwikwiruka ku bitangaza cyangwa aho mufite inyungu gusa ahubwo ni mushakashake ukuri.

Mwishaka ishema ry'abantu ahubwo muharanire iherwe ry'ijuru.

Kibeho ni igicumbi kitimurwa gicumbikira abagisanga, ni uburiri butabara abarembye ni ingobyi impekera abarwayi.

Bana banjye ibya mbere bizaba ibyanyuma.

Umunyabukorikori yirutse kubimusiga yihisha ibimubona yihishurira ibyapfuye.

Ntawusiga umugisha iwabo ngo awusange ahandi.

Bana banjye iyirutse cyane ibyara ibihumye.

Ibi biri kuba biri kubatera ubwoba, ni integuza ngo mubanze muce mu isukuriro kuko ibiri imbere ni byo byinshi kandi bikomeye.

Bana banjye banyarwanda aho muri hose, nimuce bugufi musenge, musabe imbabazi ijuru mubikuye ku mutima muzababarirwa.

Mwiyemeze kugendere mu kuri, muvugishe ukuri kuzira uburyarya no kwibona, kugirango mutabare, mutabarwe muri ibi bihe bibi bibugarije, byugarije n'isi yose.

Umuni hazashyirwaho isengesho mpuzamahanga rizitabirwa n'abantu bose bizahita bishira nkuko iki cyorezo cyateye amahanga yose kikica bese.

Abasenga nibahagurukira rimwe shitani izatsindwa bishire, abantu bongere babeho neza.

Ariko abayobozi ba Kiliziya n'amatorero atandukanye nimukomeza gukorera ijisho ry'isi no gutinya gutabariza Imana icyarimwe, hamwe bizahindura isura itari nziza kuri benshi ndababwiza ukuri bana banjye nkunda.

Nzababaza abo mwajimije mwari mushizwe kuyobora no kubwiriza.

Abasenga by'ukuri ndabazi mbarinda buri muni, n'abarwara mbaba hafi ntimukagire ubwoba bana banjye ngo mwihebe, mujye murushaho kwizera no gutura ibyanyu byose.

Abababara, abababazwa, abatotezwa mwese ndababona nimuhumure mujye mubintura mbakire kandi ni yo nzira nyayo y'umukiro wa benshi muri mwebwe.

Ni yo mpamvu nabahaye umufasha mu guheka ibyo bibababaza byose kandi ntiyinube.

Muzagire umwiherero mwiza kandi muzabanze mwisukure ku mitima yanyu mushaka penetensiya ku babishoboye, abatazabona uburyo bazisherere mu mitima yabo babibwire Imana ibakize.

Maze mu mwiherero muzasenge mwizeye, mwivuze kuri roho no ku mubiri muzakira.

Nimusaba muzahabwa bana banjye kuko nzaba ndi kumwe namwe.

Mwana wanjye mfite akazi kenshi. Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye wa kibyeyi.

- Isengesho ryo gusabira abarwayi ...

- Isengesho ryo gusabira abatwanga ...

- Dawe uri mu ijuru...

- Ndakuramutsa Mariya...

- Hubahwe Imana Data...

Amina.

**Bikira Mariya** : Nguhaye umugisha wanjye wa Kibyeyi kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramuke ho mwana wanjye nkunda, ngaho komereza aho wari ugeze amasengesho yawe.

**Valentine** : Urakoze cyane Mama. Uramuke ho.